URUKIKO RWISUMBUYE RWA NYARUGENGE RURI I NYARUGENGE RUHABURANISHIRIZA IMANZA Z'IMBONEZAMUBANO RUCIYE MU RUHAME URUBANZA RC 00376/2016/TGI/NYGE NONE KUWA 14/06/2017 MU BURYO BUKURIKIRA:

ABABURANYI:

UREGA:

KLAUS KLAUSBERGER mwene KLAUSBERGER na Veronika KLAUSBERGER, utuye mu Mudugudu w'Amahoro, Akagari ka Kimihurura, Umurenge wa Kimihurura, Akarere ka Gasabo, Umujyi wa Kigali, ufite *telephone* +250786790793 na *e-mail*: *klaus.klausberger@inp-e.com*.

ABAREGWA:

1. **HODARI BIGAJU Berchmas** mwene NZIRORERA Pontien na NYIRAKAMONYO Lucie, utuye mu Mudugudu wa Ruganwa I, Akagari ka Kinunga, Umurenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, ufite *téléphone* +250788454995 na *e-mail*: hodaari@yahoo.fr.

2. **MUSANA UMULISA Marie Rose** mwene MUGABO Antoine na TESIRE Egidiya, utuye mu Mudugudu wa Ruganwa I, Akagari ka Kinunga, Umurenge wa Gikondo, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

IKIREGERWA:

- ✓ Gusaba Urukiko gutegeka ko hakorwa ihererekanya ry'uburenganzira bw'ubutaka (*mutation*) buri kuri UPI 1/03/02/03/2648 na UPI 1/03/01/05/244 bwanditse kuri HODALI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose bukandikwa kuri INP-EA LTD.

- ✓ Gutegeka HODALI BIGAJU Berchmas gusubiza KLAUS KLAUSBERGER amafaranga yahawe angana na 12.000.000 frws yakoresheje mu nyungu ze.

- ✓ Gutegeka HODALI BIGAJU Berchmas gutanga indishyi zo kutubahiriza amasezerano, indishyi z'ibitarungutswe kubera kutubahiriza amasezerano, igihembo cy'Avoka n'ay'ikurikirana rubanza ndetse no gusubizwa igarama.

I. IMITERERE Y'URUBANZA

1. KLAUS KLAUSBERGER yatanze ikirego muri uru Rukiko arega HODARI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose avuga ko yamuhaye ubutumwa bwo kumugurira ibibanza, agasaba ko ibyo bibanza yamuguriye byandikwa kuri INP-EALTD bitashoboka bikamwandikwaho,

akumusubiza n'amafaranga yamuhaye avuga ko yakoresheje mu nyungu ze, indishyi zitandukanye, igihembo cya Avoka no kumusubiza amagarama yatanze aregera Urukiko.

2. HODARI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose bavuga ko ubutaka busabirwa ihererekanya bukomoka ku bufatanye yari afitanye na KLAUS KLAUSBERGER, ko yari afite 25% muri *company* yabo; naho ku mafaranga baregwa, bakavuga ko yayahaye umugore wa KLAUS KLAUSBERGER andi akayagura imbuto za makadamiya, bagasaba ko ikirego cye kidahabwa ishingiro, ahubwo bagatanga ikirego kigamijwe kwiregura basaba ko KLAUS KLAUSBERGER agira ibyo acibwa.

3. Mu iburanisha ry'uru rubanza hatanzwemo inzitizi zo kutakira ikirego aho byavugwa ko kiri mu bubasha bw'Inkiko z'ubucuruzi, ko kandi KLAUS KLAUSBERGER asaba ko umutungo wandikwa kuri sosiyete y'ubucuruzi ya INP-EA LTD, Urukiko rufata icyemezo ko izo nzitizi nta shingiro zifite, naho kubyo guhuza uru rubanza n'urwari mu Rukiko Rwisumbuye rwa Gasabo rwari rwanditse kuri RC 00185/2016/TGI/GSBO ntibyahawe ishingiro kubera ko izo manza zitari zidafitanye isano.

4. Urubanza rwaburanishirijwe mu ruhame kuwa 15/05/2017, KLAUS KLAUSBERGER ahagarariwe na Me RWENGA Etienne, HODARI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose bahagarariwe na Me MURINDA Dominique na Me NDAMAGE Ferdinand.

5. Muri uru rubanza harasuzumwa ibibazo bikurikira:

A. Kumenya niba ubutaka bufite UPI 1/03/02/03/2648 na UPI 1/03/01/05/244 bwanditse kuri HODARI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose ari ubwa KLAUS KLAUSBERGER ku buryo bwamwandikwaho cyangwa bukandikwa kuri INP-EA LTD.

B. Kumenya niba hari amafaranga miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000) ya KLAUS KLAUSBERGER afitwe na HODARI BIGAJU Berchmas ku buryo yayamusubiza akanayatangira indishyi n'ishingiro ry'izindi ndishyi n'andi mafaranga bisabwa n'ababuranyi.

II. IBIBAZO BIGIZE URUBANZA N'ISESENGURWA RYABYO

A. Kumenya niba ubutaka bufite UPI 1/03/02/03/2648 na UPI 1/03/01/05/244 bwanditse kuri HODARI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose ari ubwa KLAUS KLAUSBERGER ku buryo bwamwandikwaho cyangwa bukandikwa kuri INP-EA LTD

6. Me RWENGA Etienne uburanira KLAUS KLAUSBERGER avuga ko yagiye yohererezа HODARI BIGAJU Berchimas amafaranga yo kumugurira imitungo, akaba aribwo yamuguriye ubutaka bwanditse kuri UPI 1/03/02/03/2648 na UPI 1/03/01/05/244, ko ikimenyetso kibigaragaza aruko no mu mwanzuro we abyemera, ariko akaba atarasohoje ubutumwa yahawe, akavuga ko kuba KLAUS KLAUSBERGER ari umunyamahanga, yahaye INP-EA LTD uburenganzira bwo kumucungira imitungo ye, ko imwanditsweho nta kosa ryaba ririmo, ko ariko Urukiko rubibonye ukundi yamwandikwaho.

7. Me MURINDA Dominique na Me NDAMAGE Ferdinand bavuga ko imitungo itimukanwa ihari, ko yanditswe kuri HODARI BIGAJU Bechimas n'umugore we kubera ko ikomoka ku bufatanye umugabo yari afitanye na KLAUS KLAUSBERGER, ko HODARI BIGAJU Berchimas afitemo 25%, KLAUS KLAUSBERGER akagiramo 75% akaba ashaka ko uruhare rwe ruburiramo, ko ikigaragaza ko ari uburiganya agamije aruko asaba ko uwo mutungo wandikwa ku muntu utari mu rubanza, ko ibyo bizatuma iherereka nya (*mutation*) ridashoboka, ko kandi yagiye amujijisha avuga ko ari uwa *company,* amwinginga amusaba ngo bawutanga akabyanga.

8. Kuri iki kibazo cy'ubufatanye buvugwa na Me MURINDA Dominique na Me NDAMAGE Ferdinand, Me RWENGA Etienne uburanira KLAUS KLAUSBERGER avuga ko nta *busness* bari bafatanyije cyangwa amasezerano y'ubucuruzi, ko kandi nta kigaragaza ko yagombaga guhabwa 25% mu mitungo yaguze, ko kandi kuburanisha ibi ari ugushaka kwiha ubutabera, ko kandi kubisaba nk'ibyo muri *company* ya NPA byaba ari ibibazo by'ubucuruzi, bidashobora kwakirwa kuko byaba ariby'ubucuruzi kandi biburanishwa n'Inkiko z'ubucuruzi.

9. Inigngo za 526 na 527 z'Itegeko ryo kuwa 30 nyakanga 1988 ry'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano [igitabo cya gatatu:] ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano ziteganya ko:« ***Ubutumwa ni igikorwa gituma umuntu aha undi ububasha bwo kumukorera ikintu kandi uyu akagikora mw'izina ry'uwamutumye. Amasezerano abaho gusa iyo intumwa yemeye ubutumwa yahawe. Ubutumwa bushobora gutangwa mu***

nyandiko-mvaho cyangwa mu nyandiko bwite ndetse no mu ibaruwa. Bushobora no gutangwa mu magambo, ariko rero ikimenyetso cy'abagabo cyemerwa hakurikijwe interuro yerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano muri rusange. Kwemera ubutumwa bishobora kubaho ku buryo buteruye biturutse ku mpamvu intumwa yasohoje ubutumwa yahawe».

10. Urukiko rurasanga HODARI BIGAJU Berchimas adahakana ko KLAUS KLAUSBERGER yamwohererezaga amafaranga yo kugura ubutaka (ibibanza) akaba anabyemera mu mwanzuro we wo kwiregura hakaba na *e-mails* zitandukanye ziri muri dosiye bagiye bandikirana, bityo rero ibyo akaba ari ibimenyetso byemeza ko ubutaka (ibibanza) bwaguzwe muri ayo mafaranga ari ubw'uwatanze amafaranga ariwe KLAUS KLAUSBERGER, bityo akaba ariwe ukwiye kubwandikwaho; naho kubyo kwandika uwo mutungo kuri INP-EA LTD, Urukiko rurasanga nta shingiro ryabyo kubera ko hatagaragazwa aho ahuriye nuwo mutungo cyangwa ngo hagaragazwe niba ari impano yahawe na KLAUS KLAUSBERGER kandi akaba yarayemeye.

11. Urukiko rurasanga HODARI BIGAJU Berchimas avuga ko umutungo usabirwa iherererekanya awufiteho 25%, ko ngo yari afatanyije *busness* na KLAUS KLAUSBERGER, ariko kandi yemera ko ari ikibazo gikwiye gusuzumwa n'Inkiko z'Ubucuruzi nk'uko binaburanishwa n'uburanira KLAUS KLAUSBERGER bityo rero rugasanga ibirebana n'ubwo buufatanye bushingiye ku bikorwa by'ubucuruzi bidakwiye gusuzumwa n'uru Rukiko kubera ko biri mu bubasha bw'Inkiko z'ubucuruzi hashingiwe ku biteganywa n'ingingo ya 2 y'Itegeko N° 06/2012/OL ryo kuwa 14/09/2012 rigena imiterere, imikorere n'ububasha by'inkiko z'ubucuruzi.

B. Kumenya niba hari amafaranga miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000) ya KLAUS KLAUSBERGER afitwe na HODARI BIGAJU Berchmas ku buryo yayamusubiza akayatangira n'indishyi n'ishingiro ry'izindi ndishyi n'andi mafaranga bisabwa n'ababuranyi

12. Me RWENGA Etienne uburanira KLAUS KLAUSBERGER avuga ko HODARI BIGAJU Berchimas adahakana ko yamuhaye miliyoni cumi n'ebyiri (12.000.000) y'u Rwanda akaba atagaragaza icyo yayakoresheje, agasaba ko ategekwa kuyasubiza hamwe n'inyungu zayo zingana na miliyoni enye (4.000.000) y'u Rwanda. Asaba kandi 5.000.000 FRW y'indishyi zo kutubahiriza amasezerano, 15.000.000 frw z'umutungo

wafatiriwe, 5.000.0000 frw y'igihembo cya Avoka, 3.000.000 frw yo gukurikirana urubanza no gusubizwa 50.000 frw y'igarama.

13. Me NDAMAGE Ferdinand na Me MURINDA Dominique bavuga ko KLAUS KLAUSBERGER atagaragaza igihe yamuhereye ayo mafaranga nicyo yagombaga kuyakoresha, ko ariko kuba ari inyangamugayo yemera ko kuwa 27/05/2011 KLAUS KLAUSBERGER yamwandikiye *e-mail* amusaba kumuhera umugore we miliyoni icumi (10.000.000) y'u Rwanda nyuma aza kumusubiza amushimira kuba yayamuhaye, naho kuri miliyoni ebyiri (2.000.000) y'u Rwanda bakavuga ko yakoreshejwe mu kugura ingemwe ibihumbi bibiri (2000) za makademiya. Basaba ko kandi KLAUS KLAUSBERGER aha abo bahagarariye miliyoni eshatu n'ibihumbi magana atanu (3.500.000) y'u Rwanda yo gushorwa mu manza nta mpamvu no gusubizwa umwimerere w'icyemezo (*original ya Titre de propriete*) cy'inzu iri Kimihurura gifite n° 707, prec. 325, gifitwe na KNOEF Stephanus Carolus Maria.

14. Ingingo ya 3 y'Itegeko Nº 15/2004 ryo ku wa 12/06/2004 ryerekeye ibimenyetso mu manza n'itangwa ryabyo iteganya ko***: «Urukiko ruca urubanza rwaregewe hakurikijwe ibimenyetso bihuje na kamere y'ikiburanwa*** », naho ingingo ya 258 y'Itegeko ryo kuwa 30 nyakanga 1988 ry'urwunge rw'amategeko y'imbonezamubano [igitabo cya gatatu:] ibyerekeye imirimo nshinganwa cyangwa amasezerano igateganya ko***:«Igikorwa cyose cy'umuntu cyangirije undi gitegeka nyirugukora ikosa rigikomokaho kuriha ibyangiritse (…)».***

15. Urukiko rurasanga muri dosiye harimo *e-mail* yo kuwa 27/05/2011 yanditswe na KLAUS KLAUSBERGER asaba BIGAJU HODARI Berchimas guha umugore we JOCELUNE miliyoni icumi (10.000.000) y'u Rwanda, ku munsi wakurikiyeho akaba yaramushimiye ko yamufashije akayamuha, bityo rero rukaba ntaho rwehera rwemeza ko amusubiza ayo mafaranga mu gihe yayahaye umugore we nyuma yuko abimusabye, byongeye kandi akaba agaragaza ko miliyoni ebyiri (2.000.000) y'u Rwanda asigaye yayaguze imbuto za makadamiya, kubwibyo rero akaba adashobora gutanga indishyi zayo mafaranga kuko nta shingiro ryazo.

16. Urukiko rurasanga indishyi n'amafaranga bisabwa na BIGAJU HODARI Berchimas na MUSANA UMULISA Marie Rose badakwiye kuyahabwa kubera ko batsinzwe n'urubanza bakaba batararezwe ku maherere, naho ku birebana n'icyemezo cy'umutungo basaba gusubizwa, bakwiye kugisaba ugifite ariwe KNOEF Stpanus Carous Maria nk'uko nabo bemera ko ariwe ugifite, naho ku ndishyi zisabwa na KLAUS KLAUSBERGER zo

kutubahiriza amasezerano n'indishyi z'umutungo wafatiriwe, rurasanga ntazo akwiye guhabwa kubera ko atagaragaza ishingiro ryazo, ahubwo akaba akwiye guhabwa ibihumbi magana atanu (500.000) y'u Rwanda y'igihembo cya Avoka n'ibihumbi magana abiri (200.000) y'u Rwanda yo gukurikirana urubanza.

III. ICYEMEZO CY'URUKIKO

17. **Rwemeje** ko ikirego cya KLAUS KLAUSBERGER gifite ishingiro muri bimwe.

18. **Rwemeje** kandi **Rutegetse** ko KLAUS KLAUSBERGER yandikwa ku mutungo ubaruwe kuri UPI 1/03/02/03/2648 na UPI 1/03/01/05/244, wanditse kuri HODALI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose, uherereye mu Midugudu ya Mugendo na Juru, Akagari ka Munga na Nyanza, Umurenge wa Gatenga na Gikondo, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali.

19. **Rutegetse** HODALI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose guha KLAUS KLAUSBERGER amafaranga ibihumbi magana atanu (500.000) y'u Rwanda y'igihembo cya Avoka n'ibihumbi magana abiri (200.000) y'u Rwanda yo gukurikirana urubanza.

20. **Rutegetse** HODALI BIGAJU Berchmas na MUSANA UMULISA Marie Rose gusubiza KLAUS KLAUSBERGER amafaranga ibihumbi mirongo itanu (50.000) y'u Rwanda yatanze aregera Urukiko, batayamusubiza mu minsi umunani (8) kuva urubanza rubaye ndakuka akavanwa mu mutungo wabo ku ngufu za Leta.

RUKIJIJWE RUTYO KANDI RUSOMEWE MU RUHAME NONE KUWA 14/06/2017, RUGIZWE NA HAKUZIMANA Jean Damascène: UMUCAMANZA, AFASHIJWE NA NYIRANDATIYE Françoise: UMWANDITSI W'URUKIKO.

(Sé)	**(Sé)**
UMUCAMANZA	**UMWANDITSI**
HAKUZIMANA Jean Damascène	**NYIRANDATIYE Françoise**

Iyi kopi ihuye n'inyandiko y'umwimerere

Bikorewe i Nyarugenge kuwa……/……../……..……
Umwanditsi w'Urukiko:……